

Icyitongerwa : Izi ngero zishobora guhinduka cyane bitewe n’akarere inkoko zirimo ndetse n’ubwoko bwazo.

Muri rusange, ubworozi bw’inkoko zaba iz’amagi cyangwa se iz’inyama ntibusaba ahantu hanini ho kororera, bukaba bukemura ikibazo cy’ubutaka buke. Mu by’ukuri ubworozi bw’inkoko bukwiranye n’igihe tugezemo cyo kubyaza umusaruro mwinshi ubutaka buto dufite.

IBIRIMO

Iriburiro.....	3
I. UBWOROZI BW’INKOKO Z’INYAMA.....	4
I.1. Imishwi.....	4
I.2. Ibigwana.....	5
I.3. Inkoko zigeze igihe cyo kubagwa.....	5
Gahunda yo gukingira inkoko z’inyama.....	6
Ibiryo bikenewe mu bworozi bw’inkoko z’inyama.....	7
II. UBWOROZI BW’INKOKO Z’AMAGI.....	8
II.1. Imishwi.....	8
II.2. Ibigwana.....	9
II.3. Inkoko zitangiye gutera amagi.....	9
Gahunda yo gukingira inkoko z’amagi.....	10
Ibiryo bikenewe mu bworozi bw’inkoko z’amagi.....	11

Ni ngombwa kwita kuri izi nkingo uko ziteganyijwe kugira ngo inkoko zimererwe neza kandi zitange umusaruro mwiza.

Ibiryo bikenewe mu bworozi bw'inkoko z'amagi

Buri cyiciro cy'inkoko kigira ubwoko n'ingano y'ibyo kurya ikenera kugira ngo ikure neza, nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Imbonerahamwe ya 4: Ibiryo bikenewe mu bworozi bw'inkoko z'amagi

Igihe imaze (Ibyumweru)	Igipimo cy'Ibiryo (muri garama)	Amazi (ml)	Uburemere bwayo
1	10	20-30	50 g
2	20	40-50	100g
3	25	50-60	150g
4	30	60-70	200 g
5	35	70-80	300 g
6	40	80-100	400g
7	45	100-120	500g
8	50	120-130	650g
9	55	130-140	800g
10	60	150-160	900g
11	60	160-165	1000g
12	65	165-170	1100g
13	65	170-175	1200g
14	70	175-180	1300g
15	70	180-190	1400g
16	75	190-195	1500g
17	80	195-200	1600g
18	85	205-210	1700g
19	90	210-220	1750g
20	95	220-230	1800g
Inkoko zitera	120-130	240-260	2000g

Imbonerahamwe ya 3: Gahunda yo gukingira inkoko z'amagi

Italiki yo gukingira	Igihe imaze (iminsi)	Urukungo	Igipimo cy'umuti n'urukungo
	1	New castle	New Castle HB 1 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza
	1 kugeza kuri 3	Vitamine (Anti-stress)	AMINOVIT: garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	4-6	Contrôle coccidiose	VETACOX : garama 1 bayivanga na litiro 1 z'amazi meza
	7	Gumboro	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
	21	Gumboro	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
	22-23	Contrôle coccidiose	Amprolium : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	24	Bronchite infectieuse	BI H52 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
	28	Newcastle	Newcastle La sota : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza
	42-45	Contrôle coccidiose	Amprolium : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	56	Bronchite infectieuse	BI H52 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
	70	Variole aviaire	Cevac FPL: BAtera mu ibaba n'agashinge kabigenewe
	85	Contrôle coccidiose	Amprolium : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
	126	Newcastle	Newcastle La sota : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza
	Zigize igihe cyo gutera	Anti-stress vermifugation	Aminovit Levalap

IRIBURIRO

Nyuma y'igihe kitari gito aborozi b'inkoko badafite aho bakura imishwi kubera icyorezo cy'ibicurane by'ibiguruka, ubu Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku matungo (RARDA) cyishimiye kongera kubakungurira kwitabira ubworozi bw'inkoko. Mushobora gutumiza imishwi y'inkoko mu bihugu duturanye bitigeze bigerwamo n'icyorezo cy'ibicurane by'ibiguruka, nka Uganda, Kenya, Malawi ndetse no mu Buholandi ku babishoboye.

Nta mpungenge RARDA ifite ku bworozi bw'ibiguruka, kubera ko ubu ifite ubushobozi bwo gukumira ibyorezo byose, cyane cyane kiriya cyorezo cy'ibicurane by'ibiguruka ikoresheje laburaturwari yayo iri mu Rubirizi, no gusangira amakuru n'impuguke zayo zikorera hirya no hino mu gihugu.

RARDA ibafitiye impuguke ku bijyanye n'ubworozi bw'inkoko, haba ku bisobanuro bijyanye n'imirire, inzu y'inkoko, ibijyanye n'imiti n'inkingo z'inkoko, cyangwa se ubworozi nyirizina.

RARDA kandi ishobora kubabonera imishwi y'umunsi 1 ikoresheje ituragiro (couvoir) ryayo riri mu Rubirizi.

I. UBWOROZI BW'INKOKO Z'INYAMA



Ifoto ya mbere: Inkoko itanga inyama

Ubworozi bw'inkoko z'inyama ni ubworozi bumara igihe gito cyane, bityo bukazanira uwabukoze inyungu ku buryo bwihuse. Inkoko z'inyama zariye neza zikabona n'ibya ngombwa byose zikeneye, zishobora gutanga umusaruro nyuma y'iminsi mirongo itanu gusa ! Ni ukuvuga mu gihe kitageze ku mezi abiri. icyo gihe inkoko imwe uyibaze iba ipima ikilo n'igice (kg 1,5).

I.1. Imishwi

Kuva ku munsu umwe kugeza ku byumweru 4, imishwi y'inkoko z'inyama igomba gushyirwa ahantu hashyushye. Kugira ngo ushyushye imishwi ushobora gukoresha imbabura, cyangwa se amatara y'amashanyarazi. Ubushyuhe bugomba kuba buringaniye, atari bwinshi cyane, ariko na none atri buke cyane. Imishwi ubwayo irabikwereka. (a)Iyo hakonje cyane, imishwi yegera imbabura, (b) haba harimo ubushyuhe bwinshi imishwi igahunga imbabura. Iyo hari umuyaga, (c) imishwi yigira uruhande rumwe, naho haba hari ubushyuhe buringaniye (d) imishwi ikaba imerewe neza yisanzuye nk'uko bigaragazwa n'igishushanyo gikurikira.

II.2. Ibigwana

Kuva ku cyumweru cya 6 kugeza cyumweru cya 20, inkoko zirya ibiryo byagenewe ibigwana (Aliment croissance ponte). Ni muri icyo gihe inkoko zigomba gukurikiranwa, zigahabwa inkingo zose zabugenewe, isuku ikitabwaho, ibiryo n'amazi nabyo bihagije bikaboneka.

II.3. Inkoko zitangiye gutera amagi

Kuva ku cyumweru cya 20 kugeza inkoko zishaje, zirya ibiryo byagenewe inkoko zitera (Aliment super ponte). Mbere y'ibyumweru 2 ngo inkoko zitangire gutera, umworozi agomba gushyira mu nzu y'inkoko udusanduku zizateramo kugira ngo zizatangiye gutera zaratumenyereye. Iyo inkoko zatangiye gutera, umworozi agomba kunyura mu nzu yazo nibura inshuro eshatu ku munsu kugira ngo akuremo amagi yatewe.

Ubworozi bw'inkoko z'amagi burashimishije cyane. Nyuma y'amezi ane gusa, inkoko ziba zatangiye gutanga amagi. Inkoko imwe yatangiye gutera ishobora kugeza ku magi 320 ku mwaka, kandi ishobora kurenza umwaka itera. Amagi rero nta kibazo cyayo kuko igihe utabonye isoko ry'ako kanya ushobora kuyabika icyumweru kirenga mu bushobozi bwawe.

II. UBWOROZI BW'INKOKO Z'AMAGI



Ifoto ya kane: Inkoko y'amagi

II.1. Imishwi

Kuva ku munsu umwe kugeza ku kwezi kumwe, imishwi y'inkoko z'amagi igomba gushyirwa ahantu hashyushye. Kimwe no ku nkoko z'inyama, hakoreshwa imbabura cyangwa amashanyarazi mu gushyushya imishwi. Ubushyuhe bukenewe ku nkoko z'inyama ni na bwo bukenewe ku nkoko z'amagi. Kuva ku munsu wa mbere kugeza ku cyumweru cya gatanu, inkoko zirya ibiryo byagenewe imishwi (Aliment starter ponte).

Muri icyo gihe kandi, imishwi itungwa n'ibiryo byabugenewe (Aliment démarrage). Mu cyumweru cya mbere, imishwi 50 ijya kuri metero kare imwe ; ni ukuvuga metero imwe mu burebure na metero imwe mu bugari. Nyuma y'aho ugenda wagura ukurikije uko inkoko zikura. Isaso y'inkoko igomba kuba ihagije, ishobora kuba ikozwe n'ibarizo cyangwa se ibishishwa by'umuceri.




Ifoto ya kabiri: Imbabura ishyushya imishwi ikiri mito

I.2. Ibigwana

Inkoko z'inyama zirengeje ibyumweru bine ntiziba zigikeneye gushyushywa, kandi zihabwa ibiryo byagenewe icyo kigero (Aliment croissance). Ibyo kuriramo no kunyweramo bigomba kuba bihagije, haba ku mishwi cyangwa se ku nkoko nkuru. Hakenewe icyo kunyweramo kimwe kijyamo litiro eshanu z'amazi ku nkoko 50 z'imishwi, naho ku nkoko nkuru hakeneye icyo kuriramo cya litiro 10. Hakenewe na none icyo kuriramo kimwe gifite uburebure bwa metero 1 ku mishwi 50, naho ku nkoko zikuze hakenewe icyo kuriramo kujyamo ibiro 20 by'ibiryo.

I.3. Inkoko zigeze igihe cyo kubagwa

Iyo inkoko zigeze igihe cyo kubagwa, ni ngombwa kuzibonera isoko vuba, naho ubundi buri munsu urenzeho niko inkoko zirya cyane, bikaba byatera igihombo ku mworozi.



Ifoto ya gatatu: Inkoko ibaze

Imbonerahamwe ya 1: Gahunda yo gukingira inkoko z'inyama

Italiki yo gukingira	Igihe imaze (iminsi)	Urukungo	Igipimo cy'umuti n'urukungo
1	1 kugeza kuri 4	New castle	New Castle HB 1 : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza
5-7	5-7	Vitamine (Anti-stress) Contrôle coccidiose	AMINOVIT : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza VETACOX : garama 1 bayivanga na litiro 2 z'amazi meza
7	7	GUMBORO	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.
14	14	Newcastle	Newcastle La sota : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza
17-19	17-19	Contrôle coccidiose	Amprolium : garama 1 bayivanga na litiro 1 y'amazi meza
21	21	GUMBORO	Cevac Gumbo L : agacupa k'inkingo 1000 bashyira muri litiro 20 z'amazi meza.

Ibiryo bikenewe mu bworozi bw'inkoko z'inyama

Buri cyiciro cy'inkoko kigira ubwoko n'ingano y'ibyo kurya ikanera kugira ngo ikure neza, nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Imbonerahamwe ya 2: Ibiryo bigenewe inkoko z'inyama hakurikijwe ikigero cyazo

Igihe imaze (Ibyumweru)	Igipimo cy'Ibiryo (muri garama)	Amazi (ml)	Uburemere bwayo
1	20	40-50	130-150 g
2	30	60-80	260-300g
3	50	100-120	460-520g
4	70	140-160	750-800 g
5	90	180-200	100-1200 g
6	105	210-230	1300-1500g
7	115	230-280	1600-1800g
8	120	240-300	1900-2100g
9	125	250-320	2100-2300g
10	130	260-350	2200-2400g

Icyitongerwa : Izi ngero zishobora guhinduka cyane bitewe n'akarere inkoko zirimo ndetse n'ubwoko bwazo.